Sustainable Agriculture and Irrigation for Food Security in Rwanda (SUSTAIN-RW)

IMBARAGA iri gushyira mu bikorwa umushinga "Sustainable Agriculture and Irrigation for Food Security in Rwanda (SUSTAIN-RW)" ukorerwa mu Karere ka Gicumbi, Umurenge wa Giti.

Uyu mushinga ugamije guteza imbere ubuhinzi bukorerwa mu misozi no kugabanya isuri binyuze mu gukora amaterasi y'indinganire no gushyiraho uburyo bwo kuhira imyaka mu butumburuke bwo hejuru. Ibi kandi bizagerwaho binyuze mu gutanga amahugurwa yihariye ku buryo bwo gufata no kubika amazi y'imvura, Gukora ubuhinzi burambye kandi butangiza ibidukikije, Kongera umurararuro no kurwanya imirire mibi.

Umushinga SUSTAIN-RW ugamije guteza imbere ubuhinzi burambye, gukoresha uburyo bwo kuhira imyaka no kongera umutekano w'ibiribwa binyuze mu kongera umusaruro w'ubuhinzi. Kugira ngo umusaruro wiyongere ku butaka buto Abanyarwanda bafite, ni ngombwa gukoresha uburyo bunoze bw'ubuhinzi burambye bubungabunga ubutaka, buteza imbere uburumbuke bwabwo kandi bukanarengera ibidukikije bityo umusaruro mwinshi ugakomeza kuboneka mu buryo burambye.